**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA MU MUHANGO WO GUSOZA IHURIRO RIHURIYEMO ABACUNGAGEREZA BAGANIRA KU BIJYANYE N'AHO IHAME RY'UBURINGANIRE RIHURIRA N'AKAZI KABO.**

**Kigali ku wa 25 Mutarama 2018**

Komiseri Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa,

Komiseri Mukuru Wungirije w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa,

Bayobozi mwese muteraniye hano muhagarariye inzego zitandukanye,

Bacungagerezakazi, bacungagereza mwitabiriye iri huriro,

Ndabaramukije.

Ndashimira abateguye iri huriro ry'ingirakamaro rihuriyemo abacungagereza n'abacungagerezakazi rigamije kubaganiriza kw'ihame ry'uburinganire n'aho rihurira n'akazi k'umucungagereza. Ndashimira muri rusange inzego zose zagize uruhare mu gutanga ibiganiro muri iri huriro (Minisante, RDF , RNP , NWC,) by'umwihariko MIGEPROFE yageretseho no kuritera inkunga.

Namenye ko mwagize ibiganiro byiza mwahawe n'inzego zitandukanye nazo ntareka gushimira ku mikoranire myiza, birimo Guteza imbere ihame ry'uburinganire, Gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa abana, uruhare rw'abagore mu kubungabunga umutekano, gahunda yo kuringaniza urubyaro, uruhare rw'umucungagerezakazi mu kazi ke ka buri munsi, imbogamizi abacungagerezakazi bahura nazo mu kazi kabo ka buri munsi ndetse n'ingaruka zo gushaka bitanyuze mu mategeko.

Mwasobanuriwe ko mu rwego rwo gushyira mu ikorwa ihame ry'uburinganire Politiki ya Leta y'u Rwanda itegenya ko abari n'abategerugori bahabwa nibura 30% by'imyanya munzego zose z'umurimo, iryo hame rikaba rigira uruhare rukomeye mu guteza imbere igihugu cyacu.

Abari n'abategerugori bakora umurimo w'ubucungagereza bateraniye hano ni urugero rumwe mu ngero nyinshi zifatika dufite mu gihugu cyacu zigaragaza ko nabo bashoboye kimwe n'abagabo, akaba ariyo mpamvu ntawe ukwiye kuvutswa amahirwe yo gukora umurimo hashingiwe ko ari umugore cyangwa umukobwa nk'uko byari bimeze mu bihe byashize.

Muri iri huriro mwarushijeho gusobanukirwa ko abantu bose bagomba kumenya ko itegeko rirengera buri wese (umugore, umugabo, umukobwa cyangwa umuhungu) mu buryo bungana.

Uruhare rw'umucungagerezakazi mu kazi ke ka buri munsi ni nk'urwundi mucungagereza wese ariko akagira umwihariko mu gutanga serivise zihariye zihabwa imfungwa n'abagororwa b'abagore ndetse n'abagore n'abakobwa basura gereza, umugabo mugenzi we atatanga dushingiye ku mategeko mpuzamahanga n'itegeko rigenga RCS.

Abagore b'abacungagereza boherejwe kubungabunga amahoro bageza ubufasha butandukanye ku baturage bari mukaga bituma babibonamo, cyane cyane icyiciro

cy’abagore n’abana. Koherezwa muri ubwo butumwa bituma kandi abagore nabo bunguka ubumenyi mu mirimo yose ireba umwuga wabo mu rwego rwo kongera ubushobozi.

Muri iri huriro mwaganirijwe no kuri gahunda zitandukanye zigamije kubaka umuryango nyarwanda, zimwe muri izo twavuga nk’umugoroba w’ababyeyi nka gahunda ya Leta yo kwishakamo ibisubizo ifite uruhare rukomeye mu iterambere ry’igihugu aho ababyeyi ku rwego rw’umudugudu bungurana ubumenyi muri gahunda z’igihugu cyane cyane izirengera umuryango.

Ibi biganiro byababafashije kurushaho kumva ko ntawe ukwiye kugira isoni cyangwa ubwoba bwo kuvuga ko yahohotewe ngo asabe ubutabera no kudahisha iryo hohoterwa aho ribonetse hose.

Birumvikana ko kimwe n’indi mirimo, umurimo w’ubucungagereza nawo ugira imbogamizi cyane cyane izishingiye ku mubare w’abacungagereza ukiri muto, Leta ikaba idahwema gukora ibishoboka byose kugira ngo izo mbogamizi zishakirwe ibisubizo ;

Nongeye gushimira byimazeyo abateguye iri huriro ry’ingirakamaro ndete n’abarigizemo uruhare bose kandi nizeye ko hazakomeza gutegurwa ibikorwa nk’ibi bigamije kubaka ubushobozi bw’abacungagereza.

Nkaba nshoje mbifuriza kuza gusubira mu mirimo yanyu neza no gushyira mu bikorwa ubumenyi mwakuye mu biganiro mwagejejweho.

Mugire amahoro.